**ITEGEKO N° 30/2012 RYO KUWA 01/08/23012 RIGENA IMIKORESHEREZE Y'IFUMBIRE MVARUGANDA N'IMITI IKORESHWA MU BUHINZI NO MU BWOROZI**

**Twebwe , KAGAME Paul,**
Perezida wa Repubulika ;

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:**

Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo ku wa 13 Gashyantare 2012;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 49, iya 62, iya 66, iya 67, iya 90, iya 92, iya 93, iya 108, iya 118 n'i ya 201;

**LAW N° 30/2012 OF 01/08/23012 ON GOVERNING OF AGROCHEMICALS**

**We, KAGAME Paul,**
President of the Republic;

**THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA**

**THE PARLIAMENT:**

The Chamber of Deputies, in its session of 13 February 2012;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date, especially in Articles 49, 62, 66, 67**,** 90, 92, 93, 108,118 and 201;

**LOI N° 30/2012 DU 01/08/23012 PORTANT UTILISATION DES PRODUITS AGROCHIMIQUES**

**Nous, KAGAME Paul,**
Président de la République ;

**LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIEE AU JOURNAAL OFFICIEL DE LA REPUBLIQUE DU RWANDA**

**LE PARLEMENT:**

La Chambre des Députés, en sa séance du 13 février 2012;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003 telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 49, 62, 66, 67, 90, 92, 93, 108,118 et 201;

Ishingiye ku masezerano Mpuzamahanga y'i STOCKHOLM yerekeye amoko y'ibintu bihumanya kandi biramba yashyiriweho umukono i STOCKHOLM ku wa 22 Gicurasi 2001, nk'uko yemejwe burundu n'Iteka rya Perezida nº 78/01 ryo ku wa 08/07/2002 ;

Ishingiye ku masezerano Mpuzamahanga y'i ROTTERDAM yerekeye gushyiraho uburyo bwumvikanyweho n'ibihugu mu bucuruzi mpuzamahanga bw'imiti ikoreshwa mu buhinzi n'ibindi bintu bishobora guhumanya, yashyiriweho umukono i ROTTERDAM kuwa 10 Nzeri 1998, n'i New York kuva kuwa 12 Ugushyingo 1998 kugeza kuwa 10 Nzeri 1999 nk'uko yemejwe burundu n'Iteka rya Perezida nº 28/01 ryo ku wa 24/08/2003;

Ishingiye ku Itegeko ngenga nº 04/2005 ryo kuwa 08/04/2005 rigena uburyo bwo kurengera, kubungabunga no guteza imbere ibidukikije mu Rwanda ;

Ishingiye ku Itegeko n° 43/2006 ryo kuwa 05/10/2006 rigena inshingano, imiterere n'imikorere by'ikigo cy'Igihugu Gitsura Ubuziranenge (RBS);

Ishingiye ku Itegeko n° 38/2010 ryo kuwa 25/11/2010 rishyiraho ikigo gishinzwe iterambere ry'ubuhinzi n'ubworozi mu

Pursuant to the Stockholm Convention on persistent organic pollutants (POPs) of May 22nd, 2001 as ratified by the Presidential Order nº 78/01 of 08/07/2002;

Pursuant to the Rotterdam Convention on the prior informed consent procedure for certain hazardous chemicals and pesticides in International Trade, signed in Rotterdam on 10 September 1998 and in New York from 12 September 1998 to 10 September 1999 as ratified by the Presidential Order no 28/01 of 24/08/2003;

Pursuant to Organic Law n° 04/2005 of 08/04/2005 determining the modalities of protection, conservation and promotion of environment in Rwanda;

Pursuant to Law nº 43/2006 of 05/10/2006 determining the responsibilities, organization and functioning of the Rwanda Bureau of Standards (RBS);

Pursuant to Law n° 38/2010 of 25/11/2010 establishing Rwanda Agriculture Board (RAB) and determining its responsibilities,

Vu la Convention de Stockholm sur les polluants organiques persistants signée le 22 mai 2001 telle que ratifiée par l'Arrêté Présidentiel nº 78/01 du 08/07/2002;

Vu la Convention de Rotterdam sur l'application de la procédure de consentement préalable en connaissance de cause applicable à certains produits chimiques et pesticides dangereux qui font l'objet d'un commerce international, signée à Rotterdam le 10 septembre 1998, et à New York du 12 novembre 1998 au 10 septembre 1999, telle que ratifiée par Arrêté Présidentiel n° 28/01 du 24/08/2003 ;

Vu la Loi Organique n° 04/2005 du 08/04/2005 portant modalités de protéger, de sauvegarder et promouvoir l'environnement au Rwanda;

Vu la Loi n° 43/2006 du 05/10/2006 déterminant les attributions, l'organisation et le fonctionnement de l'Office Rwandais de Normalisation (RBS) ;

Vu la Loi n° 38/2010 du 25/11/2010 portant création de l'Office Rwandais de Développement Agricole (RAB) et

Rwanda (RAB) rikanagena inshingano, imiterere n'imikorere byacyo**;**

Ishingiye ku Itegeko n° 39/2010 ryo ku wa 25/11/2010 rishyiraho Ikigo cy'Igihugu gishinzwe guteza imbere iyoherezwa mu mahanga ry'ibikomoka ku buhinzi n'ubworozi (NAEB) rikanagena inshingano, imiterere n'imikorere byacyo;

**YEMEJE**:

**UMUTWE WA MBERE : INGINGO RUSANGE**

**Ingingo ya mbere : Icyo iri tegeko rigamije**

Iri tegeko rigena ikorwa, itumizwa, itangwa, ikoreshwa, ibikwa, icuruzwa, ivanwaho, n'ishyingurwa ry'ifumbire mvaruganda n'imiti ikoreshwa mu buhinzi no mu bworozi mu rwego rwo kurengera ubuzima bw'abantu, ubw'inyamaswa n'ubw'ibidukikije, mu kurwanya ko byagira icyo byanduza igihe cy'ikoreshwa ryabyo.

**Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo**

Muri iri tegeko, amagambo akurikira

organisation and functioning;

Pusuant to Law n° 39/2010 of 25/11/2010 establishing National Agricultural Export Development Board (NAEB) and determining its responsibilities, organisation and functioning;

**ADOPTS**:

**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**

**Article One : Purpose of this Law**

This Law governs the manufacturing, importing, distribution, use, storage, sale and disposal and burial of agrochemicals for the protection of human and animal health and the environment, to avoid injury and contamination which may result from their use.

**Article 2 : Definitions of terms**

For the purpose of this Law, the following

déterminant ses attributions, organisation et fonctionnement;

Vu la Loi n° 39/2010 du 25/11/2010 portant création de l'Office National de Développement des Exportations Agricoles (NAEB) et déterminant ses attributions, son organisation et son fonctionnement ;

**ADOPTE:**

**CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS GENERALES**

**Article premier : Objet de la présente loi**

La présente loi régit la fabrication, l'importation, la distribution, l'utilisation, le stockage, la commercialisation, l'élimination et l'enfouissement des produits agrochimiques afin d'assurer la protection de la santé humaine, la santé animale et l'environnement, pour éviter tout accident ou contamination pouvant survenir lors de leur usage.

**Article 2 : Définitions des termes**

Au sens de la présente loi, les termes repris ci-

asobanurwa ku buryo bukurikira:

1 º **akanama ngishwanama**: akanama gashyiraho amabwiriza y'ikoreshwa ry'imiti n'ifumbire mvaruganda bikoreshwa mu buhinzi no mu bworozi kakagira inama umwanditsi w'imiti ikoreshwa mu buhinzi n'ubworozi;

2 º **amabwiriza y'imikoreshereze y'ifumbire n'imiti bikoreshwa mu buhinzi n'ubworozi:** inyandiko ikubiyemo ibisabwa muri rusange cyangwa mu buryo bwihariye kugira ngo habeho gukoresha no gufata neza ifumbire n'imiti ikoreshwa mu buhinzi no mu bworozi nk'uko bikubiye muri iri tegeko;

3 º **ibidukikije:** urusobe rw'ibinyabuzima harimo ikimera, umuntu, inyamaswa ndetse n'amazi, umwuka, n'ubutaka bikoresha;

4 º **ibisigazwa by'imiti n'ifumbire**: ingano y'ikivanze gishabutse gisigara mu biribwa byakoreshejweho umuti cyangwa ifumbire mvaruganda bikoreshwa mu buhinzi n'ubworozi;

terms shall have the following meanings :

1 º **advisory council:** a committee which establishes instructions for the use of agrochemicals and advises the registrar of agrochemicals ;

2 º **code of good agricultural practices:** document containing the general or specific requirements for safe use and handling of agrochemicals in accordance with the provisions of this Law;

3 º **environment:** biodiversity system including plants, humankind, animals as well as water, air and land put to their use;

4 º **agrochemical residues**: the quantity of residues in terms of active ingredient which is present in food stuffs to which an agrochemical product was applied;

après ont les significations suivantes :

1 º **conseil consultatif :** commission de réglementation de produits agrochimiques qui donne des avis au registraire de produits agrochimiques de produits agrochimiques ;

2 º **code de bonnes pratiques agricoles :** documents généraux ou des exigences spécifiques pour assurer la sécurité de l'utilisation et de manipulation de produits agrochimiques conformément aux dispositions de la présente loi ;

3 º **environnement :** la biodiversité comprenant entre autre les plantes, la personne humaine, les animaux ainsi que l'eau, l'air et la terre qu'ils utilisent ;

4 º **résidus de produits agrochimiques:** la quantité de résidus en termes de matière active présents dans les denrées alimentaires dans lesquelles un produit agrochimique a été utilisé;

5 º **icyapa cy'umuti :** inyandiko cyangwa igishushanyo biri ku muti kigaragaza amabwiriza y'uko umuti ukoreshwa;

6 º **icyemezo cy'agateganyo**: uruhushya rw'agateganyo rutangwa ku muti cyangwa ifumbire mvaruganda bikoreshwa mu buhinzi n'ubworozi mbere y'uko byemererwa gukoreshwa burundu;

7 º **ifumbire n'umuti mvaruganda bikoreshwa mu buhinzi n'ubworozi:** ifumbire mvaruganda cyangwa umuti bikoreshwa mu buhinzi, mu bworozi, bivanze, bipfunyitswe mu buryo bwemewe mu Rwanda kandi byemewe gucuruzwa;

8 º **igikoresho gifasha mu kwirinda**: imyambaro cyangwa ibikoresho bikoreshwa mu kwirinda ingaruka mbi z'umuti mu gihe cyo kuwukora no kuwukoresha;

9 º **igipimo ntarengwa cy'ibisigazwa by'umuti cyangwa ifumbire** (MRL): ingano ntarengwa y'ibisigazwa yemewe n'amategeko ku biribwa bikomoka mu buhinzi cyangwa mu bworozi;

5 º **label:** written or graphic matter accompanying a pesticide providing instructions on its use;

6 º **provisional registration certificate:** a provisional use permit for an agrochemical before it is allowed to definively be used;

7 º **agrochemical**: a chemical product or pesticide used in agriculture, which is formulated and packaged in a manner that is authorized in Rwanda and which is allowed to be sold;

8 º **personal protective equipment:** clothes, materials or devices that provide protection from pesticide exposure during its manufacture and use;

9 º **maximum residue limit** (MRL)**:** the maximum concentration of a residue that is legally permitted or recognized as acceptable in or on a food or agricultural commodity or animal feedstuff;

5 º **étiquette**: motif écrit ou sous forme graphique qui accompagne le pesticide et qui en indique l'utilisation ;

6 º **permis d'inscription provisoire :** un permis d'utilisation provisoire d'un produit agrochimique avant que celui-ci ne soit définitivement autorisé d'être utilisé ;

7 º **produit agrochimique :** produit chimique ou pesticide formulé et emballé de manière acceptable au Rwanda et dont la commercialisation est permise ;

8 º **équipement de protection individuelle** : vêtement, équipement ou autre dispositif qui protège contre l'exposition aux pesticides lors de leur fabrication et leur application ;

9 º **limite maximale de résidus** (LMR) : concentration maximale d'un résidu qui est légalement autorisée ou reconnue comme acceptable dans ou sur des denrées alimentaires ou des produits agricoles ou des aliments pour animaux ;

10 º**ikimenyetso :** igishushanyo gitanga ubutumwa nta magambo;

11 º**ikivanze gishabutse:** igice cy'umuti gikora kiri mu mvange y'umuti ukoreshwa mu buhinzi no mu bworozi;

12 º**ikivanze kidashabutse:** igice cy'umuti kidakora kiri mu mvange y'umuti n'ifumbire mvaruganda ikoreshwa mu buhinzi no mu bworozi;

13 º**imikoreshereze myiza y'imiti yo mu buhinzi no mu bworozi:** uburyo bwo gukoresha imiti mu nzira zizwi kandi zemewe hakurikijwe ibisabwa bya ngombwa, kugira ngo aho umuti cyangwa ifumbire mvaruganda bikoreshwa hasigare ibisigazwa byabyo bike cyane;

14 º**indiririzi :** ubwoko bw'ibinyabuzima byangiza ikimera, ikigikomokaho, ubuzima bw'amatungo cyangwa ubw'abantu;

15 º**izina risanzwe ry'umuti**: izina ryitirirwa ikivanze gishabutse cy'umuti cyangwa ifumbire mvaruganda ukoreshwa mu buhinzi

10 º**pictogram:** a symbol that conveys a message without words;

11 º**active ingredient:** the biologically active part of the chemical present in the agrochemical formulation;

12 º**inert ingredient:** an inactive ingredient present in agrochemical formulation;

13 º**good agricultural practice:** an approach consisting of using agrochemicals in a specified and authorized manner, following the requirements that ensure the agrochemicals residues are reduced to the very minimum level;

14 º**pest :** any species which destroys a plant, a plant product, an animal or a human being;

15 º**common name of a pesticide**: the name assigned to an agrochemical active ingredient by the International Standards Organization, or by National

10 º**pictogramme**, un symbole qui transmet un message sans paroles ;

11 º **matière active** : la partie biologiquement active du produit chimique présente dans la formulation d'un produit agrochimique ;

12 º**matière inerte** : un ingrédient non actif présent dans la formulation d'un produit agrochimique ;

13 º**bonnes pratiques agricoles** : approche qui consiste en l'utilisation de produits agrochimiques d'une manière définie, et ce conformement à des conditions qui font que le niveau des restes de produits agrochimiques reste très minimal ;

14 º**parasite:** tout espèce nuisible à la plante, au produit de plante, à la santé animale ou à la santé humaine;

15 º**nom commun d'un pesticide**: le nom attribué à une substance active d'un produit agrochimique par l'Organisation internationale de normalisation ou par

no mu bworozi, ryemezwa n'umuryango Mpuzamahanga w'Ubuziranenge cyangwa n'Ikigo cy'Igihugu cy'Ubuziranenge rigakoreshwa nk'izina ry'umuti risanzwe;

16 º**izina ry'ubucuruzi :** izina riranga umuti cyangwa ifumbire ryanditswe kuri uwo muti cyangwa ku ifumbire, ryemewe kandi ritezwa imbere n'ukora umuti cyangwa ifumbire, rirengerwa n'amategeko y'Igihugu, rigashobora gukoreshwa n'ukora umuti cyangwa ifumbire mu kugaragaza itandukaniro ry'umuti cyangwa ifumbire n'indi miti cyangwa ifumbire bihuje ikivanze gishabutse;

17 º**gukora umuti :** ugushyira hamwe uruvange rw'ibishabutse n'ibidashabutse ruvamo umuti cyangwa ifumbire mvaruganda ikoreshwa mu buhinzi no mu bworozi harimo no kuwutunganya ukongera kuwupfunyika;

18 º**gushyiraho ibiranga umuti:** ugushyiraho inyandiko cyangwa igishushanyo biherekeza umuti cyangwa ifumbire mvaruganda

standards authority to be used as a generic name;

16 º**trade name:** a name identifying an agrochemical written on its package, registered and promoted by the product maker; the trade name is protected by the national laws and it is used to distinguish between such an agrochemical and another with similar active ingredient;

17 º**manufacture an agrochemical :** a combination of active and non active ingredients to produce an agrochemical including its production and packaging processes;

18 º **labelling:** affixing on a pesticide a symbol or written description to provide explanations on how such product is used;

l'organe national de normalisation pour être utilisé, comme générique pour cette substance active ;

16 º**nom commercial**: un nom servant d'identification d'un produit agrochimique porté sur ce produit, enregistré et vulgarisé par le producteur ; le nom commercial est protegé par les lois nationales et est utilisé pour distinguer un produit agrochimique d'un autre produit ayant la même matière active ;

17 º**fabrication d'un produit agrochimique :** combinaison d'une matière active et d'une matière inerte pour produire un produit agrochimique y compris le processus de sa production et de son conditionnement ;

18 º**étiquetage:** mettre sur un pesticide un symbole ou une mention écrite portant des explications d'utilisation d'un tel produit;

ikoreshwa mu buhinzi no mu bworozi kandi bisobanura ikoreshwa ryawo;

19 º**kuvanga**: ugushyira hamwe ibintu bitandukanye kugira ngo ikivuyemo gikoreshwe kandi kibe gitunganye hagamijwe gukora ubwoko bw'umuti cyngwa ifumbire mvaruganda ukoreshwa mu buhinzi no mu bworozi;

20 º**Minisitiri :** Minisitiri ufite ubuhinzi n'ubworozi mu nshingano ze;

21 º **ubugenzuzi** : uburyo bwemewe bwo kugenzura imikoreshereshereze y'imiti n'ifumbire mvaruganda bikoreshwa mu buhinzi no mu bworozi;

22 º**ubushobozi bwo guhuza uburyo bwo kwemeza imiti:** ubushobozi bwo kwemeza imiti mu bihugu bitandukanye kugira ngo bigendere ku mahame n'intego bimwe;

23 º**ukwemerwa k'umuti cyangwa ifumbire mvaruganda bikoreshwa mu buhinzi n'ubworozi**: uburyo ubuyobozi bubishinzwe bwemeza icuruzwa n'ikoreshwa ry'umuti n'ifumbire mvaruganda bikoreshwa mu buhinzi n'ubworozi, hakurikijwe

19 º**formulation:** the combination of various ingredients designed to render the product useful and effective for the purpose of obtaining an agrochemical product ;

20 º**Minister:** Minister in charge of agriculture and animal husbandry;

21 º**inspection: a recognised process** for regulating the utilization of agrochemicals;

22 º**equivalence:** the capability of registration systems in different countries to meet the same standards and objectives;

23 º**accreditation:** the process whereby the relevant authority approves the sale and use of an agrochemical following the evaluation of comprehensive scientific data demonstrating that the product is effective for the purposes intended and not hazardous to human, plant, animal

19 º**formulation** : combinaison de diverses matières, destinées à rendre le produit utile et efficace en vue de fabriquer un produit agrochimique;

20 º**Ministre** : Ministre ayant l'agriculture et l'élevage dans ses attributions ;

21 º**inspection**: processus reconnu pour la régulation de produits agrochimiques ;

22 º**équivalence** : la capacité des systèmes d'enregistrement dans différents pays pour atteindre les mêmes normes et objectifs ;

23 º**accréditation**: le processus par lequel l'organe habilité approuve la vente et l'utilisation d'un produit agrochimique, après l'évaluation générale des données scientifiques qui prouvent que le produit est efficace pour l'objet auquel il est déstiné et qu'il n'est ni dangereux

isuzuma rigaragaza ko umuti cyangwa ifumbire mvaruganda bibereye gukora ibyo bigenewe bitangije ubuzima bw'abantu, ubw'ibimera, ubw'amatungo n'ubw'ibidukikije;

24 ° **umuti ubujijwe**: umuti urwanya indiririzi wari wemewe gukoreshwa ukaza guhagarikwa biturutse ku cyemezo ntakuka cya Leta, cyangwa umuti wasabiwe gukoreshwa ntiwemerwe kubera impamvu zo kurengera ubuzima n'ibidukikije, cyangwa se umuti wambuwe icyemezo cy'imikoreshereze;

25 ° **umuti ugenga imikurire y'ikimera n'iy'itungo:** umuti cyangwa imvange y'imiti igamije kwihutisha cyangwa kugabanya umuvuduko w'imikurire y'ikimera cyangwa itungo;

26 ° **umuti uhungura :** umuti cyangwa imvange y'imiti igenewe guhungura amababi y'ikimera;

27 ° **umuti urwanya indiririzi :** umuti uwo ariwo wose cyangwa imvange y'imiti igenewe gukumira, kwica cyangwa kurwanya indiririzi iyo ariyo yose yangiza ubuzima bw'amatungo, ubw'ikimera cyangwa ibibikomokaho.

health and to the environment;

24 ° **prohibited pesticide:** a pesticide for which all registered use has been prohibited by final government regulatory action, or for which request for accreditation has not been granted or for which accreditation has been withdrawn or cancelled for health and environmental reasons;

25 ° **plant and animal growth regulator : a** substance or mixture of substances intended to accelerate or retard the rate of growth or rate of maturation in a plant or an animal;

26 ° **defoliant:** a substance or mixture of substances intended to cause the leaves or foliage to drop from a plant;

27 ° **pesticide:** any substance or mixture of substances intended for preventing, destroying or controlling any pest, unwanted species which is harmful to the health of an animal, a plant or to an animal or plant related product. The

pour la santé humaine, animale, ni à la santé des plantes ni à l'environnement;

24 ° **pesticides interdits** : pesticide dont l'usage reconnu a été interdit sur décision définitive de l'Etat, ou dont la demande d'accréditation de son usage a été refusée ou dont l'accréditation a été retirée ou annulée pour des raisons sanitaires ou environnementales ;

25 ° **régulateur de croissance d'une plante et d'un animal :** une substance ou mélange de substances qui accélère ou retarde le taux de croissance ou de maturation d'une plante ou d'un animal ;

26 ° **défoliant**, une substance ou mélange de substances destinées à provoquer la défoliation de la plante ;

27 ° **pesticide** : toute substance ou mélange de substances visant à prévenir, à détruire ou à contrôler tout agent nuisible, les espèces indésirables qui peuvent constituer un danger pour la santé d'une plante ou d'un animal ou

Iyi nyito kandi ireba imiti ikoreshwa ku mikurire y'ikimera, iy'amatungo n'ibibikomokaho;

28 ° **umuti cyangwa ifumbire mvaruganda ukoreshwa mu buhinzi no mu bworozi wica udukoko kandi ukoreshwa muri rusange**: umuti wemewe ukoreshwa mu buhinzi no mu bworozi kandi udafite andi mabwiriza yihariye mu ikoreshwa ryawo;

29 ° **umuti cyangwa ifumbire mvaruganda ikoreshwa mu buhinzi no mu bworozi wo kwitonderwa**: umuti ukoreshwa ku cyo wagenewe, ugakoreshwa n'abantu babyemerewe kubera ingaruka mbi ushobora gutera;

30 ° **umuti cyangwa ifumbire mvaruganda ikoreshwa mu buhinzi no mu bworozi yo kwitonderwa cyane**: umuti cyangwa ifumbire mvaruganda ikoreshwa mu buhinzi no mu bworozi yabujijwe na Leta, ariko ukaba wakongera gukoreshwa mu buryo bwihariye bwemewe;

31 ° **umuti wumisha:** umuti cyangwa

term also applies to a substance or a mixture of substances that exert an influence on the growth or maturation of a plant or an animal;

28 ° **general use agrochemical :** a registered agrochemical and which has no any other restrictions for use;

29 ° **restricted-use agrochemical :** a substance which is only used as indicated and whose usage is effected by those authorized to do so, following its negative impact;

30 ° **severely restricted agrochemical** : substance whose application has been prohibited by the Government but which put to use once again under specific conditions;

31 ° **desiccant:** a substance or mixture of

d'un dérivé de plante ou d'animal. Le terme s'applique également aux substances ou mélange de substances qui influent sur la croissance ou la maturation d'une plante ou d'un animal ;

28 ° **produit agrochimique à usage général** : un produit agrochimique homologué et qui n'a pas d'autres conditions d'utilisation;

29 ° **produit agrochimique à utilisation restreinte :** une substance qui n'est utilisée que par des personnes autorisées à le faire, suite aux conséquences néfastes qu'elle peut causer ;

30 ° **produit agrochimique à utilisation sévèrement restreinte :** une substance dont l'utilisation a été interdite par l'Etat mais qui peut être utilisée encore une fois sous des conditions spécifiques ;

31 ° **desiccant:** substance ou mélange de

imvange y'imiti igenewe kumisha vuba ibice by'ikimera;

32 ° **umwanditsi w'imiti n'ifumbire mvaruganda bikoreshwa mu buhinzi n'ubworozi:** umukozi ushinzwe kwandika no gucunga urutonde rw'imiti n'ifumbire mvaruganda bikoreshwa mu buhinzi n'ubworozi;

33 ° **uwemerewe gukoresha umuti** : umuntu wese wemewe hakurikijwe ibiteganyijwe n'iri tegeko akaba asobanukiwe kandi ashoboye gukoresha imiti icyo igenewe n'uburyo yagenwe, akaba na none ashobora kugenzura no kwerekera abamugana uko bayikoresha.

**UMUTWE WA II: ISHYIRWAHO RY'INAMA NGISHWANAMA N'UMWANDITSI W'IMITI N'IFUMBIRE MVARUGANDA BIKORESHWA MU BUHINZI N'UBWOROZI**

**Ingingo ya 3: Ishyirwaho ry'Inama Ngishwanama n'inshingano zayo**

Hashyizweho inama ngishwanama.

substances intended to artificially accelerate the drying of plant tissues;

32 ° **registrar of agrochemicals:** an officer in charge of drawing and managing a list of agrochemicals;

33 ° **authorised user:** any person certified according to the provisions of this law as having skills and capabilities to efficiently apply pesticides or supervise the application of such pesticides by others under his/her direction.

**CHAPTER II: ESTABLISHMENT OF ADVISORY COUNCIL AND APPOINTMENT OF THE REGISTRAR OF AGROCHEMICALS**

**Article 3: Establishment of Advisory Council and its responsibilities**

There is hereby established an Advisory council.

substances destinées à accélérer le séchage des parties d'une plante ;

32 ° **registraire de produits agrochimiques:** agent chargé d'établir et de gérer une liste de produits agrochimiques ;

33 ° **utlisateur agréé,** toute personne agréée, conformément aux dispositions de la présente loi, disposant des connaissances et capacités pour utiliser des pesticides ou de superviser leur utilisation par d'autres personnes qui la contacte.

**CHAPITRE II : CREATION DU CONSEIL CONSULTATIF ET NOMINATION DU REGISTRAIRE DE PRODUITS AGROCHIMIQUES**

**Article 3: Création du Conseil consultatif et ses attributions**

Il est créé un Conseil consultatif.

Abagize inama ngishwanama n'inshingano zabo bigenwa n'Iteka rya Minisitiri w'Intebe.

**<u>Ingingo ya 4</u> : Amabwiriza agenga imiti n'ifumbire mvaruganda bikoreshwa mu buhinzi no mu bworozi**

Minisitiri, amaze kumva icyo inama ngishwanama ibivugaho, ashyiraho iteka rigena amabwiriza agenga imiti n'ifumbire mvaruganda.

**<u>Ingingo ya 5</u>: Umwanditsi w'imiti n'ifumbire mvaruganda bikoreshwa mu buhinzi n'ubworozi**

Iteka rya Minisitiri rishyiraho Umwanditsi w'imiti n'ifumbire mvaruganda bikoreshwa mu buhinzi n'ubworozi rikanagena kandi inshingano ze.

Umwanditsi w'imiti n'ifumbire mvaruganda bikoreshwa mu buhinzi n'ubworozi agomba kuba ari umwe mu bagenzuzi bavugwa mu ngingo ya 7 y'iri tegeko.

**<u>Ingingo ya 6</u>: Ikiguzi cy'iyandikisha ry'imiti n'ifumbire mvaruganda bikoreshwa mu buhinzi n'ubworozi**

Kwandika imiti n'ifumbire mvaruganda

Members of the Advisory council as well as their responsibilities shall be determined by a Prime Minister's Order.

**<u>Article 4</u> : Regulations with regard to agrochemicals**

The Minister shall, after advice by the Advisory council, determine by way of Order, regulations governing agrochemicals.

**<u>Article 5:</u> Registrar of agrochemicals**

An Order by the Minister shall appoint the registrar of agrochemicals and determine his/her responsibilities.

The registrar of agrochemicals shall be one of the inspectors referred to in Article 7 of this Law.

**<u>Article 6:</u> Agrochemicals registration fee**

Agrochemicals shall be registered upon

Les membres du Conseil consultatif ainsi que leurs attributions sont déterminés par arrêté du Premier Ministre.

**<u>Article 4</u> : Règlements régissant les produits agrochimiques**

Le Ministre, après avis du Conseil consultatif, définit par Arrêté les règlements régissant les produits agrochimiques.

**<u>Article 5:</u> Registraire des produits agrochimiques**

Un arrêté du Ministre nomme le registraire de produits agrochimiques et détermine ses attributions.

Le registraire de produits agrochimiques doit être l'un des inspecteurs visés à l'article 7 de la présente loi.

**<u>Article 6:</u> Frais d'enregistrement des produits agrochimiques**

L'enregistrement des produits agrochimiques

bikoreshwa mu buhinzi n'ubworozi bikorwa hamaze kwishyurwa mu isanduku ya Leta amafaranga agenwa n'Iteka rya Minisitiri.

Kitansi yishyuriweho ayo mafaranga yerekanwa igihe cyo kwandikisha umuti cyangwa ifumbire mvaruganda bikoreshwa mu buhinzi n'ubworozi.

**UMUTWE WA III: UBUBASHA N'INSHINGANO BY'UMUGENZUZI W'IMITI N'IFUMBIRE MVARUGANDA BIKORESHWA MU BUHINZI N'UBWOROZI**

**Ingingo ya 7 : Ishyirwaho ry'abagenzuzi b'imiti n'ifumbire mvaruganda bikoreshwa mu buhinzi n'ubworozi**

Ubugenzuzi bw'imiti n'ifumbire mvaruganda bikoreshwa mu buhinzi n'ubworozi bukorwa n'abagenzuzi bashyirwaho n'Iteka rya Minisitiri, rikanagena kandi inshingano n'ububasha byabo.

**Ingingo ya 8: Ubufatanye n´abakozi ba gasutamo**

Buri mukozi wese wa gasutamo afite inshingano zo gufasha mu iyubahirizwa ry'iri tegeko n'andi mabwiriza

depositing in the public treasury a registration fee determined by a Ministerial Order.

A receipt for payment of such a fee shall be produced when registering agrochemicals.

**CHAPTER III: POWERS AND RESPONSIBILITIES OF AGROCHEMICALS INSPECTOR**

**Article 7 : Appointment of agrochemicals inspectors**

Inspection of agrochemicals shall be carried out by Inspectors appointed by a Ministerial Order which also determines their responsibilities and powers.

**Article 8: Collaboration with Custom Officers**

Every customs officer shall have the duty to assist in the enforcement of this Law and regulations thereunder, and to prevent the

se fait après versement au trésor public des frais d'enregistrement dont le montant est défini par arrêté du Ministre.

Une quittance attestant le versement desdits frais est produit lors de l'enregistrement de produits agrochimiques.

**CHAPITRE III : POUVOIRS ET ATTRIBUTIONS DE L'INSPECTEUR DES PRODUITS AGROCHIMIQUES**

**Article 7 : Nomination des inspecteurs de produits agrochimiques**

L'inspection de produits agrochimiques est effectuée par les inspecteurs nommés par arrêté du Ministre qui détermine aussi leurs attributions et leurs pouvoirs.

**Article 8: Collaboration avec des douaniers**

Tout agent des douanes est tenu d'apporter son assistance dans l'exécution de la présente loi et d'autres règlements qui en découlent et de

arishamikiyeho no kubuza ko umuti uwo ari wo wose cyangwa ifumbire mvaruganda bikoreshwa mu buhinzi n'ubworozi byinjira mu gihugu, iyo kwinjira mu gihugu binyuranije n'iri tegeko.

Umwanditsi w'imiti n'ifumbire mvaruganda bikoreshwa mu buhinzi n'ubworozi afasha abakozi ba gasutamo atanga urutonde rw'imiti n'ifumbire mvaruganda byose byemewe bikoreshwa mu buhinzi n'ubworozi.

**UMUTWE WA IV: IMITI N'IFUMBIRE MVARUGANDA BIKORESHWA MU BUHINZI N'UBWOROZI BYEMEWE**

**Ingingo ya 9: Imiti n'ifumbire mvaruganda bikoreshwa mu buhinzi n'ubworozi byinjira mu gihugu bikanandikwa**

Nta muntu wemerewe gutunga, gukoresha, kugira, kwinjiza mu gihugu, gukora, kwamamaza, gutanga cyangwa kugurisha umuti cyangwa ifumbire mvaruganda bikoreshwa mu buhinzi n'ubworozi mu buryo bunyuranije n'iri tegeko.

importation into Rwanda of any agrochemical where such importation is contrary to the provisions of this Law.

The registrar of agrochemicals shall provide the Customs officers with a list of all registered agrochemicals.

**I- CHAPTER IV: AUTHORIZED AGROCHEMICAL PRODUCTS**

**Article 9 : Imported and registered agrochemicals**

No person shall own, use, possess, import, manufacture, advertise, distribute or sell an agrochemical unless they comply with the provisions of this Law.

prévenir l'importation au Rwanda de tout produit agrochimique au cas où cette importation est contraire aux dispositions de la présente loi.

Le registraire de produits agrochimiques fournit aux agents des douanes la liste de tous les produits agrochimiques enregistrés.

**CHAPITRE IV : PRODUITS AGROCHIMIQUES AUTORISES**

**Article 9 : Produits agrochimiques importés et enregistrés**

Personne n'a le droit de détenir, utiliser, posséder, importer, fabriquer, faire la publicité, distribuer ou vendre un produit agrochimique dans les conditions contraires aux dispositions de la présente loi.

**Ingingo ya 10: Imiti n'ifumbire mvaruganda bikoreshwa mu buhinzi n'ubworozi binyura mu gihugu**

Iyo umuti n'ifumbire mvaruganda bikoreshwa mu buhinzi n'ubworozi bitemewe gukoreshwa mu Rwanda, umwanditsi w'imiti n'ifumbire mvaruganda bikoreshwa mu buhinzi n'ubworozi yemera ko unyura mu gihugu ugana mu kindi iyo azi ko bizemererwa kwinjira mu buryo bwemewe n'amategeko muri icyo gihugu.

**Ingingo ya 11: Igitabo cyandikwamo imiti cyangwa ifumbire mvaruganda bikoreshwa mu buhinzi n'ubworozi**

Umwanditsi w'imiti cyangwa ifumbire mvaruganda bikoreshwa mu buhinzi n'ubworozi ategura kandi akabika igitabo cy'imiti n'ifumbire mvaruganda bikoreshwa mu buhinzi n'ubworozi. Icyo gitabo cyandikwamo amazina ya buri muti cyangwa ifumbire mvaruganda byemewe byakozwe n'uruganda ni ukuvuga izina ry'ubucuruzi ryabyo n'uko bikoze, ariko hitawe cyane ku kivanze gishabutse, urwego cyangwa icyiciro cyabyo n'imiterere y'uruhushya rwo kwemerwa.

Amakuru yose atanzwe n'usaba kwemererwa uruhushya afatwa nk'amakuru bwite kandi yinjizwa gusa mu gitabo cy'imiti cyangwa

**Article 10 : Transit agrochemicals**

Where agrochemicals are not authorized in Rwanda, the transit of such agrochemicals shall be granted by the registrar of agrochemicals if he/she is sure that such agrochemicals will be legally accepted in the country of destination.

**Article 11: Agrochemicals Registry**

The registrar of agrochemicals shall prepare and keep the agrochemicals register. Such register shall bear the name of every authorized manucfactured agrochemical that is their trade name and composition with particular attention to active ingredient, their category or classification and the nature of the licenses thereof.

All the data provided by the applicant shall be personal and shall only be recorded in the agrochemicals register.

**Article 10 : Produits agrochimiques en transit**

Lorsque les produits agrochimiques ne sont pas autorisés au Rwanda, le registraire de produits agrochimiques accepte leur transit s'il sait que ces produits seront légalement acceptés au pays de destination.

**Article 11 : Registre de produits agrochimiques**

Le registraire de produits agrochimiques dresse et tient le registre de produits agrochimiques. Ce registre contient les noms de chaque produit agrochimique manufacturé c'est-à-dire le nom commercial et la composition avec une attention particulière sur la matière active, la catégorie ou la classification du produit ainsi que la nature de son autorisation.

Toutes les données indiquées par le requérant sont considérées commes des données personnelles et ne sont portées qu'au registre

ifumbire mvaruganda bikoreshwa mu buhinzi n'ubworozi.

Iteka rya Minisitiri rigena amakuru y'ibanga n'atari ibanga kandi atagaragara mu gitabo cy'imiti cyangwa ifumbire mvaruganda bikoreshwa mu buhinzi n'ubworozi.

**Ingingo ya 12: Kwandikisha umuti cyangwa ifumbire mvaruganda bikoreshwa mu buhinzi n'ubworozi**

Gusaba kwemerwa nk'umuti n'ifumbire mvaruganda bikoreshwa mu buhinzi n'ubworozi bisabwa ushinzwe ubwanditsi mu nyandiko kandi bigaherekezwa:

1 º kitansi y'amafaranga yagenwe;
2 º inyandiko zigaragaza amakuru y'ibigize umuti cyangwa ifumbire mvaruganda bikoreshwa mu buhinzi n'ubworozi ;
3 º imiti yo kureberaho n'ibikoresho;
4 º inyandiko ndango zo kureberaho, ibimenyetso n'uburyo bwo gupfunyika.

**Ingingo ya 13: Gusuzuma inyandiko zisaba kwemererwa**

Iyo inyandiko zisaba kwemererwa zimaze kwakirwa, Inama Ngishwanama isuzuma

An Ministerial Order shall determine secret or non-secret data which are not indicated in the agrochemicals register.

**Article 12: Agrochemical registration**

An application for authorization of an agrochemical shall be made to the registrar in writing and accompanied by:

1 º a receipt for the prescribed fee;
2 º documents providing information on the properties of an agrochemical;
3 º samples and materials;
4 º samples of labels, pictograms and packaging procedures.

**Article 13 : Examination of applications for authorization**

Upon receipt of an application for authorization, the Advisory Council shall

de produits agrochimiques.

Un arrêté ministériel détermine les données-secrètes et les données-non secrètes qui ne sont pas portées au registre de produits agrochimiques.

**Article 12: Enregistrement d'un produit agrochimique**

Une demande d'autorisation d'un produit agrochimique est présentée par écrit au registraire de produits agrochimiques et doit être accompagnée par:

1 º une quittance de frais prescrits ;
2 º des documents contenant les informations sur les propriétés d'un produit agrochimique ;
3 º des échantillons et les matériaux;
4 º des échantillons des étiquettes, pictogrammes et procédures d'emballage.

**Article 13 : Examen des demandes d'autorisation**

Dès réception d'une demande d'enregistrement, les données du dossier sont examinées par le

impapuro z'amakuru kandi ikemeza niba umuti cyangwa ifumbire mvaruganda bikoreshwa mu buhinzi n'ubworozi bisabirwa kwemererwa binoze, bikwiye gukoreshwa kandi ko ari bizima ku bijyanye n'ibi bikurikira:

1 º ikivanze gishabutse n'ibindi bivanze;
2 º kuvanga, gupfunyika no komekaho inyandiko ndango;
3 º icyo wateganyirijwe gukoreshwa n'amabwiriza ariho agenga iyo mikoresherezwe;
4 º ingaruka mbi zaterwa n'ibi bikurikira:

a) uburozi, ku kiremwamuntu n'ibindi binyabuzima;
b) gutera kanseri no guhinamisha;
c) kugira ingaruka ku binyabuzima n'ibidukikije bitagambiriwe;
d) kugira ibisigazwa by'umuti n'ifumbire mvaruganda bikoreshwa mu buhinzi n'ubworozi byangiza ibyo kurya n'ibidukikije;

Mu rwego rwo gusuzuma inyandiko zisaba kwemererwa, Inama Ngishwanama ireba kandi ibi bikurikira:

1 º gusuzuma niba nta sano u Rwanda ruhuriyeho n'ikindi gihugu cyemeye uwo muti cyangwa ifumbire

review the documents containing the data and certify whether an agrochemical subject to application for authorization is in good condition and can be used, basing upon the following:

1 º active ingredient and other mixture;
2 º mixing, packaging and labelling;
3 º its intended use to and the existing regulations thereto related;
4 º negative impact which may result from the following:
a) human and other living organisms' poisoning;
b) cancer and paralysis;
c) harmful to the health of living beings and to the environment;
d) agrochemical residues which result into food and environment poisoning.

While examining the request for authorization, the Advisory Council shall also checks:

1 º check whether there is no link between Rwanda and any other country which has already accepted

Conseil consultatif qui certifie si le produit agrochimique concerné est conforme, peut être utilisé et est en bon état en se basant sur ce qui suit :

1 º la matière active et autres mélanges;
2 º le mélange, conditionnement et étiquetage;
3 º l'usage envisagé et les règlements y relatifs en vigueur;
4 º les conséquences néfastes pouvant émaner de ce qui suit:
a) intoxication humaine et des autres êtres vivants ;
b) cancer et paralysie ;
c) danger sur les êtres vivants et sur l'environenment ;
d) résidus de produits agrochimiques pouvant causer l'intoxication alimentaire et environnementale.

Lors de l'examen de demande d'autorisationt, le Conceil consultatif doit vérifier également:

1 º vérifier s'il n'y a pas de lien entre le Rwanda et un autre pays qui a déjà accepté le produit agrochimique faisant

mvaruganda bisabirwa kwemererwa;

2 º gusaba ko umuti cyangwa ifumbire mvaruganda bikoreshwa mu buhinzi n'ubworozi byari byemerewe bikorerwa irindi suzuma cyangwa ko bisabirwa andi makuru.

Abiherewe uburenganzira n'Inama Ngishwanama, umwanditsi w'imiti n'ifumbire mvaruganda bikoreshwa mu buhinzi n'ubworozi ashobora kwanga, kwemera, gusubika ifatwa ry'icyemezo kugira ngo asabe andi makuru cyangwa kwemera by'agateganyo umuti cyangwa ifumbire mvaruganda bikoreshwa mu buhinzi n'ubworozi.

Iyo Inama Ngishwanama imaze gusuzuma ibivugwa haruguru, umwanditsi w'imiti n'ifumbire mvaruganda bikoreshwa mu buhinzi n'ubworozi ashyira mu bikorwa ibyemezo byafashwe.

**<u>Ingingo ya 14</u>: Icyemezo cyo kwemerwa**

Iyo Umwanditsi w'imiti cyangwa ifumbire mvaruganda bikoreshwa mu buhinzi n'ubworozi yemeye umuti n'ifumbire mvaruganda bikoreshwa mu buhinzi n'ubworozi atanga icyemezo cyo kwemerwa

the agrochemical being subject to the request;

2 º request for an assessment of the already registered agrochemical or for supplementary information.

The registrar of agrochemicals may, upon authorization by the Advisory Council, register, refuse to register, defer decision making to require further information or may grant provisional registration certificate.

After the examination referred to in Paragraph One and 2 of this Article by the Advisory Council, the registrar of agrochemicals shall implement the decisions that are taken.

**<u>Article 14</u>: Registration Certificate**

When the registrar of agrochemicals registers an agrochemical, he/she shall issue to the applicant a registration certificate accompanied by:

l'objet de la demande;

2 º demander une évaluation d'un produit agrochimique déjà inscrit ou des informations complémentaires.

Le registraire de produits agrochimiques peut, sur autorisation du Conseil consultatif, enregistrer ou ne pas enregistrer le produit, reporter la prise de décision pour demander plus d'informations ou peut accorder le permis d'inscription provisoire.

Après l'examen mentioné à l'alinéa premier et 2 prsent article par le Conseil consultatif, le registraire de produits agrochimiques exécute les décisions prises.

**<u>Article 14</u>: Permis d'inscription**

Lorsque le registraire de produits agrochimiques enregistre un produit agrochimique, il délivre au requérant le permis d'inscription accompagné par :

cy'usaba giherekejwe n'ibi bikurikira:

1 º ibyangombwa byo kwinjiza, gukora, kwandika, kuranga, kwamamaza, kugurisha no gukoresha umuti cyangwa ifumbire mvaruganda bikoreshwa mu buhinzi n'ubworozi kugira ngo hamenyekane ubunoge n'ikoreshwa byabyo mu Rwanda;

2 º inyandiko igaragaza kandi igashyira mu byiciro ubwoko bw'umuti n'ifumbire mvaruganda bikoreshwa mu buhinzi no mu bworozi ku buryo bukurikira :

a) umuti cyangwa ifumbire mvaruganda bikoreshwa mu buhinzi n'ubworozi bikoreshwa muri rusange;

b) umuti n'ifumbire mvaruganda bikoreshwa mu buryo bwitondewe hamwe n'ibyangombwa bisobanutse byo kubikoresha;

c) umuti cyangwa ifumbire mvaruganda bikoreshwa mu buhinzi n'ubworozi byo kwitondera cyane bikoreshwa gusa n'ababyemerewe kandi bagenzurirwa hafi n'umwanditsi w'imiti cyangwa ifumbire

